ICYEMEZO n° 16/2021/TB/BWS GITEGEKA UKURIKIRANWEHO ICYAHA KWITABA MU GIHE CY'UKWEZI

REPUBLIQUE DU RWANDA
Au nom du Peuple Rwandais

Umunsi wa 15 w'ukwezi kwa Nzeri, umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'umwe;

**Twebwe RIZIKI Madeleine**, Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa **BWISHYURA**, dufashijwe na **MPORWIKI Jean Marie Vianney**, Umwanditsi Mukuru y'urwo Rukiko;

**Tumaze** kubona ko kuwa **04/12/2020** Ubushinjacyaha bwashyikirije Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura ikirego **RP 00553/2020/TB/BWS** buregamo **MUKASAHAHA CONSOLEE, NIYONSABA ERIC, MUGARURA GASAYA** na **UWIZEYIMANA JANVIER** bubakurikiranyeho icyaha cyo **gusenya cyangwa konona inyubako ku bushake utari nyirayo** giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya **182** z'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

**Tumaze** kubona ko mu iburanisha ry'uru **RP 00553/2020/TB/BWS** ryo kuwa 09/09/2021, ubushinjacyaha bwashimangiye ko bwareze **NIYONSABA ERIC** nk'uwatorotse ubutabera ndetse bikaba bigaragara mu nyandiko ikubiyemo ikirego cyabwo;

**Dushingiye** ku ngingo za 160, 161 na 162 z'Itegeko nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

**Dutegetse ko NIYONSABA ERIC** mwene **SEBARAME ENIAS** na **NYIRANSABAHIMANA VELEDIANE** utuye mu mudugudu wa **Rugogo**, akagari ka **Byogo**, umurenge wa **Mutuntu**, akarere ka **Karongi**, intara y'**Iburengerazuba**; muri **Repubulika y'u Rwanda**; akaba akurikiranywe yaratorotse ubutabera, yitaba Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura kuwa **14/10/2021, i saa mbiri** za mugitondo kugira ngo aburane, natitaba, hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, urubanza rwe ruburanishwe.

**Dutegetse ko** mu gihe cy'iminsi umunani (8) iki cyemezo kikamanikwa ahabugenewe ku biro by'Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura, Urubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga, ibiro by'Akagari ka **Byogo**, umurenge wa **Mutuntu**, akarere ka **Karongi.**

NI UKO ICYEMEZO GIFATIWE MU BIRO BYACU KU ITARIKI YAVUZWE HEJURU

| | |
|---|---|
| /Se/ | /Se/ |
| RIZIKI Madeleine | MPORWIKI Jean Marie Vianney |
| PEREZIDA | UMWANDITSI MUKURU |

URUKIKO RW'IBANZE RWA BWISHYURA

Copie certifiée conforme à la minute
Le greffier en chef TB Bwishyura
le 15/09/2021
MPORWIKI Jean Marie Vianney